





SANGIZA ABANDI

# Musanze: Imirimo yo kubaka uruganda rutunganya imyanda igeze kuri 80%

Niyigena Radjabu July 15, 2026 6:00 am



Minisiteri y'Ibikorwaremezo yatangaje ko imirimo yo kubaka uruganda rutunganya imyanda n'ikimoteri rusange ruherereye mu Karere ka Musanze, igeze ku kigero cya 80%.

Uru ruganda ruri ku buso bwa hegitari 6,8 rwatangiye kubakwa mu Murenge wa Gacaca mu 2024, aho byari byitezwe ko ruzuzura muri Kamena 2026.

U,ushinga wo kubaka uru ruganda ugamije guteza imbere serivisi z'isuku zigezweho kandi zirambye, mu rwego rwo gushyigikira gahunda y'Igihugu yo kwimakaza isuku kuri bose kandi hose.

Minisiteri y'Ibikorwaremezo yatangaje ko uru ruganda rufite ubushobozi bwo gutunganya toni 33 z'imyanda itabora na meterokibe 62 z'imyanda yoroshye na metero kibe 7, 000 z'umwanda wo mu bwiherero.

MININFRA ivuga ko nirwuzura, ruzagira uruhare rukomeye mu kubungabunga ibidukikije no kuzamura imibereho myiza y'abaturage. Ruzajya kandi rutunganya imyanda ibora n'itabora ikusanywa mu Turere twa Musanze, Nyabihu, Burera na Gakenke.

Imyanda iva mu bwiherero izajya itunganywa ivemo ifumbire, mu gihe imyanda ibora n'itabora izajya itunganywa ibibora bigakorwamo ifumbire, ibitabora bigashyirwa mu kimoteri kinini izagenerwa.



*Imirimo yo kubaka uruganda rutunganya imyanda mu Karere ka Musanze igeze kuri 80%*



*Uru ruganda rwatangiye kubakwa mu 2024*

*Ruzaba rufite ahatunganyirizwa ifumbire*

*Uru ruganda rwitezweho gukemura ikibazo cy'isuku nke*






TANGA IGITEKEREZO

Imeli

Amazina

Ohereza




## Amakuru Aheruka



**Musanze: Imirimo yo kwagura uruganda rwa Mutoba igeze kuri 97%**

July 16, 2026



**Minisitiri Nsengimana yashimangiye ko u Rwanda rukataje mu kugeza uburezi bufite ireme kuri bose**

July 16, 2026



**Gicumbi FC yatangaje igihe izatangirira imyitozo, inatangaza ikirango gishya**

July 16, 2026



**Sunrise FC yasinyishije abakinnyi babiri bavuye muri Gicumbi FC**

July 16, 2026